

9/23/2018.

**Ubutumwa bwa Padiri Jim.**

Nk'igihugu turi mubihe bikomeye mbese byo gufata ibyemezo mbese nk'umuntu mugomba gukorana cyangwa mugomba kubana



nka Kiliziya Gatulika natwe twese mu miryango yacu dutuyemo dufite ibintu tugomba gukora cyangwa inshingano tugomba kugeza kubandi .

Tugafasha abantu bose bavuga kandi bakamagana ubusumbane aho buri hose no kwironda ko byose Atari byiza .

Ubu nibwo butumwa nakuye iElPaso iTexas Kandi byose ibibazo barimo byose turabisangiye muri byose turikumwe muri Yezu Kristu.

Misa twakoze hamwe na bihaye Imana muri kariya gace ka El Paso hamwe na musenyeri wa El Paso .Naratumwe kugirango mpure na Yezu Kristu kumupaka .

Abana n'ababyeyi babo ntabwo bishimye nawe kubona uvuye mu gihugu cyawe uhavuye ubishaka kandi ubizi muri make rero ntabwo wakabonye iyo ugiye

bagufata nabi bigeze hariya kuko abantu bose ntanumwe wavutse ngo abeho kuriya twese tuvuka kugirango tubeho neza mu mahoro yacu twese .

Kandi nirwo rugero Yezu yadutoje koroherana gufashanya nyabuna mujye mufashanya musure abarwayi bose . Urugendo twakoze mu kwezi kwa gatandatu

muri Gwatemala twasuye abantu b'ingeri zose twasuye abantu bose bo mubyiciro byose mbese abantu bose abakuzwe abato abasaza n'abihaye Imana bose .

Muri make rero abantu bose bagomba kumva imirimo yose ko arikimwe . Hari abihaye Imana kandi arinabo burigihe badushishikariza ibyo tugomba gukora .

Abo bantu nukujya tubumva ibyo batubwira kuko aribo ntumwa z'Imana muri byose . Imana ihora idutumaho ariko ntabwo twumva ubutumwa bwayo nyirizina .

Mujye mwubahana muribyose nyagasani aturinyuma iyo dukoze neza Imana nayo iratwumva .

Kiliziya ya mutaagatifu Lewo ikeneye abakorera bushake bakora nk'amasaha atatu cyangwa amasaha 3 cyangwa 4 mucyumweru .

Uturimo bagomba gukora hano mu Kiliziya ni uturimo tworoheje nko gukubura hano no gukora muri za toilet zahano mukiliziya. Twese hamwe tugomba gufashanya. Ducoze neza kiliziya yacu igomba kumera neza muri byose nguwo umurage Yezu yadusigiye nguwo umushinga mwiza twagombye gukomeza.

Abakeneye gufasha Kiliziya bagomba guhamagara iyi telephone ( 513) 921-1044.

Niba ushaka Kwiyegurira Kristu uganana Siminari wahamagara izi nimero ushaka kwiyandikisha wahamagara Mary Ann ( 513) 378-4431 cyangwa (513) 471-5483.